## ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

### ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI RYAMAGANA IFATWA N' IFUNGWA RYA Lt. Gen. Emmanuel KARENZI KARAKE

None kuwa kane, tariki ya 09 Nyakanga 2015, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Bwana KAYIRANGA MUKAMA Alphonse;

Inama rusange imaze kuganira ku ifatwa n'ifungwa rya Lt. Gen. Emmanuel KARENZI KARAKE; umwe mu basirikare bakuru b'Ingabo z'u Rwanda akaba n'Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Umutekano n'Iperereza (*National Intelligence and Security Services*), wagize uruhare mu guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi, wanagize kandi uruhare mu kubungabunga amahoro n'umutekano mu rwego mpuzamahanga akaba yarafatiwe mu Gihugu cy'Ubwongereza tariki 20 Kamena 2015 ari mu butumwa bw'akazi afite uruhushya ariko akaregwa ibirego bidafatika byanenzwe n'isi yose;

Inama rusange imaze kubona ko muri icyo Gihugu n'ahandi hirya no hino ku isi, cyane cyane mu bihugu by'Iburayi, Amerika na Canada, hari abakoze Jenoside bakidengembya, bakaba ari bamwe ahanini mu bifashishwa nk'abatangabuhamya b'ingenzi mu gushinja ibinyoma no kwibasira Abanyarwanda bagize uruhare mu guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi, ibyo bigakorwa hagamijwe kuyipfobya;

Inama Rusange yamaganye byimazeyo ifatwa rya Lt. Gen. Emmanuel Karenzi Karake kuko rishingiye ku mpapuro z'Umucamanza Fernando Andreu Merelles zo kuwa 06 Gashyantare 2008, zakozwe ku buryo bunyuranije n'amategeko mpuzamahanga, nko kuba atarigeze agera mu Rwanda ngo akore iperereza nk'uko biteganywa, ahubwo zigashingira ku binyoma by'abagize uruhare mu itegurwa no mu ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi, n'abandi bahunze kubera ibyaha bitandukanye basize bakoze mu Rwanda;

Inama Rusange irasaba Leta y'Ubwongereza guhita irekura Lt. Gen. Emmanuel Karenzi Karake nta yandi mananiza;



*Email:info@forumfp.org.rw* *B.P: 7459 Kigali / Rwanda* *Website: http://www.forumfp.org.rw/*

Inama rusange irasaba kandi Umuryango Mpuzamahanga n'Ibihugu byose biwugize kubahiriza ubusugire bw'u Rwanda n'ubw'Ibihugu by'Afurika, nk'uko biteganywa n'Amategeko mpuzamahanga.

Inama Rusange irashimira Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika wagaragaje ko ifatwa rya Lt. Gen. Emmanuel Karenzi Karake rinyuranije n'amategeko mpuzamahanga, ugaragaza ko atari uguhohotera u Rwanda gusa, ahubwo ari uguhohotera Afurika yose, kandi usaba Leta y'Ubwongereza kumurekura byihuse;

Inama Rusange irashimira inshuti zifatanije n'u Rwanda muri iki kibazo cy'ifatwa rya Lt. Gen. Emmanuel Karenzi Karake; Inama Rusange irashimira kandi Abanyarwanda bakomeye ku bumwe bwabo, abari mu Gihugu n'abari mu mahanga, kandi bakomeje kwamagana agasuzuguro kagiririwa u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 09/07/2015.

IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKE
N.F.P.O
B.P. : 7459 KIGALI

## ABAHAGARARIYE IMITWE YA POLITIKI MU NAMA Y'INAMA RUSANGE YO KUWA 09 NYAKANGA 2015

| Izina ry'umutwe wa politiki | Amazina y'uhagarariye umutwe wa politiki | Umukono |
|---|---|---|
| 1. UMURYANGO F.P.R-INKOTANYI | Hon. NGARAMBE François | [signature] |
| 2.. ISHYAKA RIHARANIRA UKWISHYIRA UKIZANA KWA BURI MUNTU - P.L | Hon. BYABARUMWANZI François | [signature] |
| 3. ISHYAKA RIHARANIRA UBUMWE BW'ABANYARWANDA NA DEMOKARASI | Bwana NIZEYIMANA Pie | [signature] |
| 4. ISHYAKA NTANGARUGERO MURI DEMOKARASI - P.D.I | Hon. Sheik HARERIMANA Mussa Fazil | [signature] |
| 5. ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE- P.S.D | Hon. NYIRAHIRWA Veneranda | [signature] |
| 6. ISHYAKA RY' ITERAMBERE N'UBUSABANE - P.P.C | Hon. Dr MUKABARAMBA Alvéra | [signature] |
| 7. ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI IHUZA ABANYARWANDA - P.D.C | Hon. MUKABARANGA Agnes | P. o [signature] |
| 8. ISHYAKA RYA GISOSIALISITI RIRENGERA ABAKOZI MU RWANDA - P.S.R | Hon. RUCIBIGANGO J. Baptiste | [signature] |
| 9. ISHYAKA RY'UBWISUNGANE BUGAMIJE ITERAMBERE - P.S.P | Mrs KANYANGE Phoebe | [signature] |
| 10. ISHYAKA PS-IMBERAKURI | Mrs MUGANZA Claudine | [signature] |
| 11. ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI NO KURENGERA IBIDUKIKIJE - DGPR | Bwana NTEZIMANA Jean Claude | [signature] |

IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI
N.F.P.O
B.P. : 7459 KIGALI